# Fora ndi he?

Amashuri y'inshuke



Yanditswe na: **Nshimyumukiza Eric**

SANKOFA Creatives Ltd

Ishushanywa na: **IYOKWIZERWA Emmanuel Fabrice**

# Fora ndi he?



Yanditswe na: **Nshimyumukiza Eric**

Ishushanywa na: **Iyokwizerwa Emmanuel Fabrice**

**Sankofa Creatives LTD**


sankofacr@gmail.com
www.sankofacreatives.rw

Inkuru ya © Nshimyumukiza Eric, 2020.

Iki gitabo cyatangajwe bwa mbere na SANKOFA CREATIVES ltd
ku bufatanye n'umushinga READING READY mu mwaka wa 2020.

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.


Gutunganya igitabo byakozwe na © Nshimyumukiza Eric.
Iki gitabo cyashushanyijwe na © Iyokwizerwa Emmanuel Fabrice.




Ifi




Ikinyugunyugu




Ikinyabwoya




Umushwi



Umutubu




Intare




Uruvu



Agacurama



Fora ndi he?




Nakubonye wa fi we.
Uri mu mazi n'amagaragamba yawe arabagirana.




Fora ndi he?




Nakubonye wa kinyugunyugu we.
Uri mu ndabo n'amababa yawe atatse amabara.



Fora ndi he?



Nakubonye wa kinyabwoya we.
Uri ku ishami ry’igiti n’ubwoya bwawe buhanda.



Fora ndi he?




Nakubonye wa ntare we.
Uri mu mukenke n'umugara wawe w'ikigina.



Fora ndi he?



Nakubonye wa ruvu we.
Uri ku kibabi n’uruhu rwawe rwihinduranya.



Fora ndi he?




Nakubonye wa mutubu we.
Uri ku irebe n’akabiri kawe kanyerera.




Fora ndi he?



Nakubonye wa gacurama we.
Uri mu rutare n’amababa yawe yirabura.



Fora ndi he?



Nakubonye wa mushwi we.
Uri mu mababa y'inkoko n'isunzu ryawe rito cyane.

Cyacapwe bwa mbere na Pallotti-Presse Ltd.

SANKOFA Creatives Ltd